



Umwaka wa 59
Igazeti ya Leta n° idasanzwe
yo ku wa 12/05/2020

Year 59
Official Gazette n° Special of
12/05/2020

59^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
12/05/2020

Ibirimo/Summary/Sommaire

urup/page

A. Amateka ya Minisitiri/ Ministerial Orders/ Arrêtés Ministériels

N° 05/MOJ/AG/20 ryo ku wa 12/05/2020

Iteka rya Minisitiri ryerekeye irangizwa ry'inyandikompesha hakoreshejwe ikoranabuhanga 3

N° 05/MOJ/AG/20 of 12/05/2020

Ministerial Order relating to the electronic execution of enforcement orders 3

N° 05/MOJ/AG/20 du 12/05/2020

Arrêté Ministériel relatif à l'exécution des titres exécutoires par voie électronique 3

N° 06/MOJ/AG/20 ryo ku wa 12/05/2020

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere y'inyandikompuruza 12

N° 06/MOJ/AG/20 of 12/05/2020

Ministerial Order determining the content of the enforcement formula 12

N° 06/MOJ/AG/20 du 12/05/2020

Arrêté Ministériel déterminant le contenu de la formule exécutoire 12

N° 07/MOJ/AG/20 ryo ku wa 12/05/2020

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo ububasha bw'umuhesha w'inkiko bukoreshwa 16

N° 07/MOJ/AG/20 of 12/05/2020

Ministerial Order determining the modalities of exercising competence of a bailiff 16

N° 07/MOJ/AG/20 du 12/05/2020

Arrêté Ministériel déterminant les modalités d'exercer la compétence de l'huissier de justice 16

B. Amabwiriza/ Instructions/ Instructions

N° 001/2020/ORG yo ku wa 12/05/2020

Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru agenga ibyerekeye gucunga, gukodesha, kugurisha mu cyamunara, no kwegukana ingwate127

N° 001/2020/ORG of 12/05/2020

Instructions of the Registrar General regulating modalities of management, lease, auction and acquisition of mortgage 127

N° 001/2020/ORG du 12/05/2020

Instructions du Registraire Général régissant les modalités de gestion, de location, de vente aux enchères et d'acquisition de l'hypothèque 127

ITEKA RYA MINISITIRI N°
05/MOJ/AG/20 RYO KU WA 12/05/2020
RYEREKEYE IRANGIZWA
RY'INYANDIKOMPESHA
HAKORESHEJWE IKORANABUHANGA

MINISTERIAL ORDER N° 05/MOJ/AG/20
OF 12/05/2020 RELATING TO THE
ELECTRONIC EXECUTION OF
ENFORCEMENT ORDERS

ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°
05/MOJ/AG/20 DU 12/05/2020 RELATIF À
L'EXÉCUTION DES TITRES
EXÉCUTOIRES PAR VOIE
ÉLECTRONIQUE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Imiterere y'uburyo
bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu
kurangiza inyandikompesha

Article 2: Organisation of the electronic
system of execution of enforcement orders

Article 2: Organisation du système
électronique d'exécution des titres
exécutaires

Ingingo ya 3: Imicungire y'uburyo
bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu
kurangiza inyandikompesha

Article 3: Management of the electronic
system of execution of enforcement orders

Article 3: Gestion du système électronique
d'exécution des titres exécutoires

Ingingo ya 4: Inyandiko zitangazwa
hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga
bwo kurangiza inyandikompesha

Article 4: Documents published through
electronic system of execution of
enforcement orders

Article 4: Documents publiés dans le
système électronique d'exécution des titres
exécutaires

Ingingo ya 5: Itangwa, ibikwa
n'imenyekanisha ry'ibiciro

Article 5: Offering, keeping and disclosure of
prices

Article 5: Offre, garde et révélation des prix

Ingingo ya 6: Ingwate y'ipiganwa

Article 6: Bid security

Article 6: Caution de soumission

Ingingo ya 7: Gusubiza cyangwa gufatira
ingwate y'ipiganwa

Article 7: Restitution or seizure of the bid
security

Article 7: Restitution ou saisie de la caution
de soumission

Ingingo ya 8: Uburyo bukoreshwa mu gihe
ubw'ikoranabuhanga rikoreshejwe mu
kurangiza inyandikompesha budakora

Article 8: Procedure used in case the
electronic system of execution of
enforcement orders fails to operate

Article 8: Procédures utilisées en cas de non
fonctionnement du système électronique
d'exécution des titres exécutoires

Ingingo ya 9: Isubukurwa rya cyamunara

Article 9: Resumption of auction

Article 9: Reprise de la vente aux enchères

Ingingo ya 10: Inyandikompesha zari zatangiye kurangizwa mbere y'iri teka

Article 10: Enforcement orders in process before this Order

Article 10: Titre exécutoires en cours avant le présent arrêté

Ingingo ya 11: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 11: Repealing provision

Article 11: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 12: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Article 12: Commencement

Article 12: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 05/MOJ/AG/20 RYO KU WA 12/05/2020 RYEREKEYE IRANGIZWA RY'INYANDIKOMPESHA HAKORESHEJWE IKORANABUHANGA	MINISTERIAL ORDER N° 05/MOJ/AG/20 OF 12/05/2020 RELATING TO THE ELECTRONIC EXECUTION OF ENFORCEMENT ORDERS	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 05/MOJ/AG/20 DU 12/05/2020 RELATIF À L'EXÉCUTION DES TITRES EXÉCUTOIRES PAR VOIE ÉLECTRONIQUE
---	---	--

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta;	The Minister of Justice/Attorney General;	Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux;
--	--	--

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;
--	--	--

Ashingiye ku Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 255 n'iya 267;	Pursuant to Law n° 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, especially in Articles 255 and 267;	Vu la Loi n° 22/2018 du 29/04/2018 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, spécialement en ses articles 255 et 267;
--	--	---

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 06/03/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 06/03/2020;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 06/03/2020;
---	--	--

ATEGETSE:

ORDERS:

ARRÊTE:

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena imiterere, imicungire n'imikoreshereze y'uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kurangiza inyandikompesha. Rigena kandi uburyo bukoreshwa mu gihe uburyo bw'ikoranabuhanga budakora.

This Order determines the organisation, management and the use of electronic system of execution of enforcement orders. It also determines the procedure used in case the electronic system fails to operate.

Le présent arrêté détermine l'organisation, la gestion et l'utilisation du système électronique d'exécution des titres exécutoires. Il détermine également la procédure utilisée en cas de non fonctionnement du système électronique.

Ingingo ya 2: Imiterere y'uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kurangiza inyandikompesha

Uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kurangiza inyandikompesha buteye ku buryo butuma imihango yose ijyanye n'irangiza ry'inyandikompesha ikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga.

Ingingo ya 3: Imicungire y'uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kurangiza inyandikompesha

Uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kurangiza inyandikompesha bucuwaga na Minisitiri ifite ubutabera mu nshingano zayo.

Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano, akoresheje inyandiko, ashobora guha urundi rwego rwa Leta cyangwa urwego rw'abikorera ububasha bwo gucunga uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kurangiza inyandikompesha.

Ingingo ya 4: Inyandiko zitangazwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kurangiza inyandikompesha

Inyandikompesha n'inyandiko zifitanye isano n'irangizwa ryazo zitangazwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kurangiza inyandikompesha.

Article 2: Organisation of the electronic system of execution of enforcement orders

The electronic system of execution of enforcement orders is organised in such a way that the whole process related to execution of enforcement orders is done electronically.

Article 3: Management of the electronic system of execution of enforcement orders

The electronic system of execution of enforcement orders is managed by the Ministry in charge of justice.

The Minister in charge of justice, in writing, may assign the competence to manage the electronic system of execution of enforcement orders to another State Organ or private organ.

Article 4: Documents published through electronic system of execution of enforcement orders

The enforcement orders and documents relating to their execution are published in electronic system of execution of enforcement orders.

Article 2: Organisation du système électronique d'exécution des titres exécutoires

Le système électronique d'exécution des titres exécutoires est organisé de manière à ce que l'ensemble du processus lié à l'exécution des titres exécutoires se fasse électroniquement.

Article 3: Gestion du système électronique d'exécution des titres exécutoires

Le système électronique d'exécution des titres exécutoires est géré par le Ministère ayant la justice dans ses attributions.

Le Ministre ayant la justice dans ses attributions, par écrit, peut attribuer la compétence de gérer le système électronique d'exécution des titres exécutoires à un autre organe de l'État ou un organe privé.

Article 4: Documents publiés dans le système électronique d'exécution des titres exécutoires

Les titres exécutoires et les documents relatifs à leur exécution sont publiés dans le système électronique d'exécution des titres exécutoires.

Ingingo ya 5: Itangwa, ibikwa n'itangazwa ry'ibiciro

Abapiganwa batanga ibiciro bakoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kurangiza inyandikompesha.

Ibiciro byatanzwe bibikwa mu ibanga hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kurangiza inyandikompesha.

Ibiciro bitangazwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kurangiza inyandikompesha amasaha atandatu (6) mbere y'isaha yavuzwe mu itangazo rya cyamunara kandi bikoherezwa kuri imeyili umuhesha w'inkiko na buri wese upiganwa.

Ingingo ya 6: Ingwate y'ipiganwa

Umuntu uba mu Rwanda cyangwa mu mahanga ushaka gupigana mu cyamunara umutungo ufite agaciro fatizo kangana cyangwa karengaje amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) yishyura ingwate y'ipiganwa isubizwa y'amafaranga atanu ku ijana (5%) by'agaciro fatizo k'uwo mutungo katangajwe mu itangazo rya cyamunara.

Ingwate y'ipiganwa itangwa hishyurwa amafaranga kuri konti yagenwe na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano, hatangwa sheki ya banki iri mu mazina y'upiganwa, icyemezo

Article 5: Offering, keeping and disclosure of prices

Bidders offer prices through the electronic system of execution of enforcement orders.

Offered prices are confidentially kept in the electronic system of execution of enforcement orders.

The prices are disclosed through the electronic system of execution of enforcement orders six (6) hours before the hour declared in the notice of auction and also submitted by email to both the bailiff and each bidder.

Article 6: Bid security

A person residing in Rwanda or abroad, who intends to bid for the property with reference price equal to or more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) pays a refundable bid security of five percent (5%) of the reference price of the property, communicated in notice of auction.

The bid security consists in a sum of money deposited onto the bank account specified by the Minister in charge of justice, the delivery of a check drawn by the bidder, a bid guarantee

Article 5: Offre, garde et révélation des prix

Les soumissionnaires offrent des prix par le biais du système électronique d'exécution des titres exécutoires.

Les prix offerts sont gardés confidentiellement dans le système électronique d'exécution des titres exécutoires.

Les prix sont révélés par le biais du système électronique d'exécution des titres exécutoires six (6) heures avant l'heure déclarée dans l'annonce de vente aux enchères et aussi transmis par courriel à l'huissier de justice ainsi qu'à chacun soumissionnaire.

Article 6: Caution de soumission

Une personne qui réside au Rwanda ou à l'étranger, qui a l'intention de présenter une soumission pour un bien équivalent à un prix de référence égal ou supérieur à cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) paye une caution de soumission remboursable égal à cinq pour cent (5%) du prix de référence de ce bien communiqué dans l'annonce de vente aux enchères.

La caution de soumission consiste en une somme d'argent versée au compte bancaire déterminé par le Ministre ayant la justice dans ses attributions, en la remise d'un chèque tiré

gitangwa na Banki cyangwa icyemezo gitangwa n'ikindi kigo cy'imari kibifitiye uburenganzira.

provided by a bank or another accredited financial institution.

par le soumissionnaire, une caution de soumission fournie par une banque ou une autre institution financière agréée.

Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, banki cyangwa ikindi kigo kibifitiye uburenganzira giha upiganwa inyandiko igaragaza ko, mu gihe ingwate y'ipiganwa yafatirwa, kizishyura agaciro kayo. Iyo nyandiko ishyikirizwa umukozi ubishinzwe hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kurangiza inyandikompesha.

Subject to provisions of Paragraph 2 of this Article, a bank or any other authorised institution issues to the bidder a document to certify that, in the event of seizure of the bid security, the bank or institution will be the guarantor. The document is delivered to the competent agent through the electronic system of execution of enforcement orders.

Sous réserve des dispositions de l'alinéa 2 du présent article, la banque ou autre institution agréée donne au soumissionnaire un document qui atteste qu'elle se porte garant en cas de saisie de la caution de soumission. Ce document est livré à un agent compétent par voie du système électronique d'exécution des titres exécutoires.

Ingingo ya 7: Gusubiza ingwate y'ipiganwa

Article 7: Restitution of the bid security

Article 7: Restitution de la caution de soumission

Iyo cyamunara imaze gukorwa, upiganwa asubizwa ingwate y'ipiganwa yatanze mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi ibarwa uherye igihe yabisabiye.

When the auction ends, the bid security provided is restituted to the bidder within three (3) working days from the time of the bidder's demand.

Lorsque la vente aux enchères prend fin, la caution de soumission est restituée au soumissionnaire endéans trois (3) jours ouvrables à partir de sa demande.

Iyo uwatsinze ipiganwa yishyuye mu gihe giteganywa n'amategeko, yishyura igiciro yatanze akuyemo ingwate y'ipiganwa.

If the successful bidder pays the price within the time limits specified by law, he or she deducts the bid security from the price to be paid.

Lorsque le meilleur enchérisseur paie le prix dans les délais prévus par la loi, il déduit du prix de vente la caution de soumission versée.

Icyakora, iyo uwatsinze ipiganwa atishyuye mu gihe giteganywa n'amategeko, ingwate y'ipiganwa yatanze ishyirwa mu isanduku ya Leta ndetse akanaryozwa igihombo nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga.

However, if the successful bidder fails to pay within the time limits specified by law, the bid security is deposited onto the Public Treasury and is responsible for loss as provided for by relevant laws.

Toutefois, lorsque le meilleur enchérisseur ne paie pas dans les délais prévus par la loi, la caution de soumission qu'il a fournie est saisie et versée au Trésor Public et est responsable pour la perte comme prévue par la législation en la matière.

Ingingo ya 8: Uburyo bukoreshwa mu gihe ubw'ikoranabuhanga rikoresheya mu kurangiza inyandikompesha budakora

Iyo uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kurangiza inyandikompesha budashobora gukora ku isaha yo gutangira cyamunara, ariko ibiciro byatangajwe, umuhesha w'inkiko akomeza imihango ya cyamunara, yifashishije ibiciro byatangajwe, bigakorerwa inyandikomvugo itangazwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kurangiza inyandikompesha iyo bwongeye gukora.

Iyo ku isaha yo gutangira cyamunara ibiciro bitatangazwa mu buryo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kurangiza inyandikompesha, cyamunara irasubikwa ibiciro byatanze bigata agaciro.

Ingingo ya 9: Isubukurwa rya cyamunara

Iyo cyamunara isubukuye, upiganwa wari watanze ingwate y'ipiganwa kandi ushaka kongera gupiganwa ntiyongera gutanga indi ngwate y'ipiganwa. Iyo upiganwa wari watanze ingwate y'ipiganwa adashaka kongera gupiganwa, asubizwa ingwate y'ipiganwa yatanze mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi ibarwa uherye igihe yabisabiye.

Article 8: Procedure used in case the electronic system of execution of enforcement orders fails to operate

If the electronic system of execution of enforcement orders is inoperative at the time of opening of the auction and the prices have already been disclosed, the bailiff proceeds with the formalities of the auction with the prices disclosed. This is recorded in the written statement to be posted on the electronic system of execution of enforcement orders when it restarts operating.

If on the time of opening of the auction the prices are not yet disclosed through the electronic system of execution of enforcement orders, the auction is adjourned and the prices submitted become invalid.

Article 9: Resumption of auction

When the auction is resumed, the bidder who deposited a bid security and who intends to bid again does not deposit any other bid security. If the bidder does not intend to bid anymore, the bid security is restituted to him or her within three (3) working days from the time of the bidder's demand.

Article 8: Procédures utilisées en cas de non fonctionnement du système électronique d'exécution des titres exécutoires

Lorsque le système électronique d'exécution des titres exécutoires ne fonctionne pas à l'heure d'ouverture de la vente aux enchères, alors que les prix ont été déjà révélés, l'huissier de justice continue la procédure de vente aux enchères avec les prix révélés, et mention en est faite dans un procès-verbal qui est publié dans le système électronique d'exécution des titres exécutoires dès qu'il redevient opérationnel.

Lorsqu'à l'heure d'ouverture de la vente aux enchères les prix ne sont pas encore révélés par le biais du système électronique d'exécution des titres exécutoires, la vente aux enchères est reportée et les prix deviennent nuls.

Article 9: Reprise de la vente aux enchères

Lorsque la vente aux enchères est reprise, le soumissionnaire qui a versé une caution de soumission et qui souhaite soumissionner ne verse aucune autre caution de soumission. Si le soumissionnaire ne souhaite plus soumissionner, la caution de soumission lui est restituée endéans trois (3) jours ouvrables à partir de sa demande.

Ingingo ya 10: Inyandikompesha zari zatangiye kurangizwa mbere y'iri teka

Inyandikompesha zatangiye kurangizwa mbere y'uko iri teka ritangazwa, zikomeza kurangizwa hadakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kurangiza inyandikompesha.

Article 10: Enforcement orders in process before this Order

Execution of the enforcement orders that was in process before publication of this Order continues without using the electronic system of execution of enforcement orders.

Article 10: Titre exécutoires en cours avant le présent arrêté

L'exécution des titres exécutoires en cours avant la publication du présent arrêté se poursuit sans utiliser le système électronique d'exécution des titres exécutoires.

Ingingo ya 11: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 11: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 11: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 12: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangirijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 12: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 12: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 12/05/2020

Kigali, on 12/05/2020

Kigali, le 12/05/2020

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N°	MINISTERIAL ORDER N°	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°
06/MOJ/AG/20 RYO KU WA 12/05/2020	06/MOJ/AG/20 OF N° 12/05/2020	06/MOJ/AG/20 DU 12/05/2020
RIGENA IMITERERE	DETERMINING THE CONTENT OF	DÉTERMINANT LE CONTENU DE LA
Y'INYANDIKOMPURUZA	THE ENFORCEMENT FORMULA	FORMULE EXÉCUTOIRE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

Ingingo ya mbere: Imiterere y'inyandikompuruza

Article One: Content of the enforcement formula

Article premier: Contenu de la formule exécutoire

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 2: Repealing provision

Article 2: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 3: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°	MINISTERIAL ORDER N°	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°
06/MOJ/AG/20 RYO KU WA 12/05/2020	06/MOJ/AG/20 OF 12/05/2020	06/MOJ/AG/20 DU 12/05/2020
RIGENA IMITERERE	DETERMINING THE CONTENT OF	DÉTERMINANT LE CONTENU DE LA
Y'INYANDIKOMPURUZA	THE ENFORCEMENT FORMULA	FORMULE EXÉCUTOIRE

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta,	The Minister of Justice/Attorney General,	Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux,
--	--	--

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176 ;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;
--	---	--

Ashingiye ku Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 242;	Pursuant to Law n° 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, especially in Article 242;	Vu la Loi n° 22/2018 du 29/04/2018 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, spécialement en son article 242;
--	---	---

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 06/03/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 06/03/2020;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 06/03/2020;
---	--	--

ATEGETSE:

ORDERS:

ARRÊTE:

<u>Ingingo</u> va mbere: Imiterere y'inyandikompuruza	<u>Article One:</u> Content of the enforcement formula	<u>Article premier:</u> Contenu de la formule exécutoire
--	---	---

Inyandikompuruza iteye ku buryo bukurikira:	The content of the enforcement formula is as follows:	Le contenu de la formule exécutoire est le suivant:
---	---	---

“Repubulika y'u Rwanda, mu izina ry'abaturage b'u Rwanda, iramenyesha kandi	“The Republic of Rwanda, in the name of the People of Rwanda, informs and orders bailiffs	“La République du Rwanda, au nom du peuple Rwandais, mande et ordonne aux
---	---	---

itegetse abahesha b'Inkiko kurangiza iyi nyandikompesha.

to execute this enforcement order.

huissiers de justice de mettre en exécution ce titre exécutoire.

Ubushinjacyaha, abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, abandi bayobozi mu nzego za Leta n'iz'abikorera n'abandi bireba bategetswe gufasha, korohereza no gutera inkunga abahesha b'Inkiko iyo babisabwe.

The Public Prosecution, law enforcement officers, authorities of decentralised entities, other authorities of public or private institutions and other concerned persons are, upon request, ordered to help, facilitate and assist the bailiffs.

L'Organe de Poursuite Judiciaire, les agents des forces de l'ordre, les autorités des entités décentralisées, les autres autorités des institutions publiques et privées ainsi que d'autres personnes concernées sont ordonnés de porter main forte, faciliter et appuyer les huissiers de justice lorsqu'ils en font la demande.

Bishyizweho umukono na icyo akora ku wa”.

Signed by his or her profession on”.

Signé par sa profession le”.

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 2: Repealing provision

Article 2: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 3: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangirijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 12/05/2020

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

Kigali, on 12/05/2020

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 12/05/2020

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N°	MINISTERIAL ORDER N°	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°
07/MOJ/AG/20 RYO KU WA 12/05/2020	07/MOJ/AG/20 OF 12/05/2020	07/MOJ/AG/20 DU 12/05/2020
RIGENA UBURYO UBUBASHA	DETERMINING THE MODALITIES OF	DÉTERMINANT LES MODALITÉS
BW'UMUHESHA W'INKIKO	EXERCISING COMPETENCE OF A	D'EXERCER LA COMPÉTENCE DE
BUKORESHWA	BAILIFF	L'HUISSIER DE JUSTICE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Uburyo ububasha bw'umuhesha w'inkiko bukoreshwa

Article 2: Modalities of exercising the competence of a bailiff

Article 2: Modalités d'exercer la compétence de l'huissier de justice

Ingingo ya 3: Inyandiko zikoreshwa mu ifatira

Article 3: Forms used in seizure

Article 3: Formulaires utilisés lors de la saisie

Ingingo ya 4: Izindi nyandiko umuhesha w'inkiko yifashisha

Article 4: Other forms used by the bailiff

Article 4: Autres formulaires utilisés par l'huissier de justice

Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 5: Repealing provision

Article 5: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 6: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Article 6: Commencement

Article 6: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°	MINISTERIAL ORDER N°	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°
07/MOJ/AG/20 RYO KU WA 12/05/2020	07/MOJ/AG/20 OF 12/05/2020	07/MOJ/AG/20 DU 12/05/2020
RIGENA UBURYO UBUBASHA	DETERMINING THE MODALITIES OF	DÉTERMINANT LES MODALITÉS
BW'UMUHESHA W'INKIKO	EXERCISING COMPETENCE OF A	D'EXERCER LA COMPÉTENCE DE
BUKORESHA	BAILIFF	L'HUISSIER DE JUSTICE

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta,

The Minister of Justice/Attorney General,

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'ya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 217 n'ya 225;

Pursuant to Law n° 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, especially in Articles 217 and 225;

Vu la Loi n° 22/2018 du 29/04/2018 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, spécialement en ses articles 217 et 225;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 06/03/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 06/03/2020;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 06/03/2020;

ATEGETSE:

ORDERS:

ARRÊTE:

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena uburyo ububasha bw'umuhesha w'inkiko bukoreshwa. Rigena kandi imiterere y'inyandiko yifashisha.

This Order determines modalities of exercising the competence of a Bailiff. It also determines the model of forms he or she uses.

Le présent article détermine les modalités d'exercer la compétence de l'Huissier de Justice. Il détermine également le modèle des formulaires qu'il utilise.

Ingingo ya 2: Uburyo ububasha bw'umuhesha w'inkiko bukoreshwa

Umuhesha w'inkiko akoresha ububasha ahabwa n'itegeko akurikije umutimanama kandi atanyuranyije n'ibyo amategeko ateganya.

Umuhesha w'inkiko ashyira mu buryo bw'ikoranabuhanga bwabugenewe igikorwa cyose cyerekeranye n'irangizwa ry'inyandikompesha bitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi ikurikira uwo yakoreyeho igikorwa.

Ingingo ya 3: Inyandiko zikoreshwa mu ifatira

Inyandiko zikurikira zikoreshwa mu ifatira:

- 1° inyandiko yerekeranye n'ifatira ry'umutungo;
- 2° inyandiko y'ugomba kwishyura igaragaza umutungo ugomba gufatirwa;
- 3° inyandiko yerekeranye no kuvanaho ifatira;
- 4° inyandiko yerekeranye n'ifatira ry'umutungo w'ugomba kwishyura uri mu maboko y'undi muntu;

Article 2: Modalities of exercising the competence of a bailiff

The bailiff exercises the competence assigned to him or her by law conscientiously and in accordance with provisions of the law.

The bailiff records any act relating to the execution of an enforcement order by appropriate electronic system within two (2) working days from the date of execution of the act.

Article 3: Forms used in seizure

The following forms are used in seizure:

- 1° the form relating to seizure of the property;
- 2° the form of the debtor indicating the property to be seized;
- 3° the form relating to cancellation of seizure;
- 4° the form relating to seizure of the property of the debtor in the hands of a third party;

Article 2: Modalités d'exercer la compétence de l'huissier de justice

L'huissier de justice exerce la compétence lui assignées par la loi consciencieusement et en se conformant aux dispositions de la loi.

L'huissier de justice enregistre tout acte relatif à l'exécution de titre exécutoire à l'aide d'un système électronique approprié endéans deux (2) jours ouvrables suivant le jour d'exécution de l'acte.

Article 3: Formulaires utilisés lors de la saisie

Les formulaires utilisés lors de la saisie sont les suivants:

- 1° le formulaire relatif à la saisie des biens;
- 2° le formulaire du débiteur indiquant les biens devant être saisis;
- 3° le formulaire relatif à l'annulation de la saisie;
- 4° le formulaire relatif à la saisie des biens du débiteur dans les mains d'un tiers;

5° inyandiko yerekeranye n'ifatira ry'umutungo w'ugomba kwishyura uri mu maboko ya Leta cyangwa imiryango yigenga cyangwa ibigo bya Leta bifite ubuzimagatozi;	5° the form relating to seizure of the property of the debtor in the hands of the Government, non-governmental organizations or public institutions with legal personality;	5° le formulaire relatif à la saisie des biens du débiteur dans les mains du Gouvernement, des organisations non gouvernementales ou des institutions publiques dotées de la personnalité juridique;
6° inyandiko yerekeranye n'ifatira ngaruzamutungo;	6° the form relating to seizure of recoverable property;	6° le formulaire relatif à la saisie-revendication;
7° inyandiko yerekeranye n'ifatira ry'ibintu by'umugenzi;	7° the form relating to seizure of an itinerant's property;	7° le formulaire relatif à la saisie foraine;
8° inyandiko yerekeranye n'ifatira ry'umutungo wimukanwa w'utishyuye ubukode;	8° the form relating to seizure of a tenant's movable property;	8° le formulaire relatif à la saisie des biens meubles d'un locataire;
9° inyandiko yerekeranye n'ifatira ry'umwenda w'ubucuruzi;	9° the form relating to commercial seizure;	9° le formulaire relatif à la saisie commerciale;
10° inyandiko yerekeranye n'ifatirabwishyu.	10° the form relating to distrain.	10° le formulaire relatif à la saisie-exécution.
Imiterere y'inyandiko zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo iri ku mugereka wa I w'iri teka.	The model of the forms referred to in Paragraph One of this Article is in Annex I to this Order.	Le modèle des formulaires prévus à l'alinéa premier du présent article est en annexe I du présent arrêté.

Ingingo ya 4: Izindi nyandiko umuhesha w'inkiko yifashisha

Article 4: Other forms used by the bailiff

Article 4: Autres formulaires utilisés par l'huissier de justice

Izindi nyandiko umuhesha w'inkiko yifashisha ni izi zikurikira:

Other forms used by the bailiff are the following:

Les autres formulaires utilisés par l'huissier de justice sont les suivants:

Official Gazette n° Special of 12/05/2020

1°	Inyandiko yerekeranye n'amasezerano yo kurangiza inyandikompesha ku bushake;	1°	the form relating to agreement of voluntary execution of an enforcement order;	1°	le formulaire relatif à un accord d'exécution volontaire d'un autre titre exécutoire;
2°	inyandiko isaba amakuru ku mutungo;	2°	the form requesting for information on the property;	2°	le formulaire de demande d'informations sur le patrimoine;
3°	inyandiko yerekeranye n'ishinganisha ry'umutungo utimukanwa;	3°	the form relating to surety on an immovable property;	3°	le formulaire relatif à la constitution de caution sur un bien immeuble;
4°	inyandiko yerekeranye no guhana uwarenze ku mategeko agenga ibyafatiriwe cyangwa ibyashinganishijwe;	4°	the form relating to sanctioning of the person who violates provisions related to seizure of property or surety on the property;	4°	le formulaire relatif à la sanction de la personne violant les dispositions relatives à la saisie ou à la caution du bien;
5°	inyandiko yerekeranye no kuvanaho ishingana ry'umutungo utimukanwa;	5°	the form relating to lifting of surety on immovable property	5°	le formulaire relatif à la levée de caution sur un bien immeuble;
6°	itangazo rya cyamunara y'umutungo wimukanwa;	6°	the notice of public auction of a movable property;	6°	l'annonce de vente aux enchères publiques d'un bien meuble;
7°	itangazo rya cyamunara y'umutungo utimukanwa;	7°	the notice of public auction of an immovable property;	7°	l'annonce de vente aux enchères publiques d'un bien immeuble;
8°	inyandiko isaba abashinzwe umutekano;	8°	the form requesting for law enforcement officers;	8°	le formulaire de demande des officiers des forces de l'ordre;
9°	inyandiko yerekeranye no kugurisha umutungo mu cyamunara;	9°	the form relating to public auction of a property;	9°	le formulaire relatif à la vente aux enchères publiques d'un bien;
10°	inyandiko yerekeranye no gutesha agaciro cyamunara kubera ko	10°	the form relating to cancellation of the public auction in case the person to whom the property subject to public	10°	le formulaire relatif à l'annulation de la vente aux enchères publiques lorsque l'attributaire du bien en enchères

	uwegukanye umutungo mu cyamunara atishyuye mu gihe giteganyijwe;		auction was awarded fails to pay within the prescribed time;		publiques ne paie pas dans les délais prescrits;
11°	inyandiko yemeza ubugure mu cyamunara;	11°	the certificate of sale in public auction;	11°	le certificat de vente aux enchères publiques;
12°	icyemezo kigaragaza ubusumbane bw'ababerewemo umwenda;	12°	the order indicating the hierarchy of creditors;	12°	l'ordonnance faisant état de l'ordre hiérarchique des créanciers ;
13°	inyandiko yerekeranye n'igabana ry'amafaranga yavuye muri cyamunara;	13°	the form relating to sharing of the money from public auction;	13°	le formulaire relatif au partage de l'argent tiré de la vente aux enchères publiques;
14°	raporo ku isoza rya cyamunara;	14°	the report on closure of public auction;	14°	le rapport sur la clôture de la vente aux enchères publiques ;
15°	inyandiko ihesha umuntu ibyo yatsindiye bitari amafaranga ;	15°	the form granting a property other than money;	15°	le formulaire de concession d'un bien autre que de l'argent ;
16°	inyandiko yerekeranye no gushyira mu isanduku ya Leta ingwate y'uwatsinze muri cyamunara kubera ko atishyuye mu gihe giteganyijwe ;	16°	the form relating to the transfer of bid security to public treasury in case the successful bidder fails to pay within the prescribed time;	16°	le formulaire relatif au versement au trésor public de la garantie de soumission lorsque l'enchérisseur gagnant ne paie pas dans les délais prescrits ;
17°	inyandiko isaba gusubizwa ubwishyu bw'imirimo yakozwe ;	17°	the form relating to the request for the reimbursement of costs due to activities carried out;	17°	le formulaire relatif à la demande de remboursement des frais occasionnés par les activités effectuées ;
18°	inyandiko yo kuvana umuntu mu by'abandi bitegetswe n'urukiko cyangwa nyuma ya cyamunara ;	18°	form relating to the statement to carry out the expulsion ordered by a court decision or after completion of a public auction;	18°	le formulaire relatif à l'expulsion ordonnée par une décision judiciaire ou après la vente aux enchères ;

- | | | | | | |
|-----|--|-----|--|-----|--|
| 19° | inyandiko yo kwimura umunsi wa cyamunara; | 19° | form relating to the statement of auction adjournment; | 19° | formulaire relatif à l'ajournement de la vente aux enchères ; |
| 20° | inyandiko yerekeranye no kurangiza ku bushake inyandikompesha/ icyemezo cyo kugurisha ingwate. | 20° | form relating to the voluntary execution of enforcement order/permit to sell the mortgage. | 20° | formulaire relatif à l'exécution volontaire d'un titre exécutoire/autorisation de mise en vente de l'hypothèque. |

Imiterere y'inyandiko zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo iri ku mugereka wa II w'iri teka.

The model of the forms referred to in Paragraph One of this Article is in annex II to this Order.

Le modèle des formulaires prévus à l'alinéa premier du présent article est en annexe II du présent arrêté.

Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 5: Repealing provision

Article 5: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 6: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Article 6: Commencement

Article 6: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 12/05/2020

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

Kigali, on 12/05/2020

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 12/05/2020

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA WA I W'ITEKA RYA
MINISITIRI N° 07/MOJ/AG/20 RYO KU
WA 12/05/2020 RIGENA UBURYO
UBUBASHA BW'UMUHESHA W'INKIKO
BUKORESHWA**

**ANNEX I TO MINISTERIAL ORDER N°
07/MOJ/AG/20 OF 12/05/2020
DETERMINING THE MODALITIES OF
EXERCISING COMPETENCE OF A
BAILIFF**

**ANNEXE I À L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°
07/MOJ/AG/20 DU 12/05/2020
DÉTERMINANT LES MODALITÉS
D'EXERCER LA COMPÉTENCE DE
L'HUISSIER DE JUSTICE**

INYANDIKO ZIKORESHWA MU IFATIRA

FORMS USED IN SEIZURE

**FORMULAIRES UTILISES LORS DE LA
SAISIE**

1. INYANDIKO YEREKERANYE N'IFATIRA RY'UMUTUNGO

Umwaka wa, ukwezi kwa, umunsi wa

Njyewe,, umuhesha w'inkiko w'umwuga/utari uw'umwuga;

Nshingiye ku nyandikompesha n° yo ku wa

Nshingiye ku Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi,

iz'umurimo n'iz'ubutegets, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 215, iya 217, iya 219, iya 225 n'iya 245;

Mfatiriyemo umutungo utimukanwa/wimukanwa wa ukurikira:

N°	Ubwoko bw'umutungo	Aho umutungo uherereye	Ibiranga umutungo	Uwari ufite umutungo igihe cy'ifatira	Umurinzi w'umutungo (amazina, ibimuranga na n° ya telefoni)
1					
2					

Iri fatira rikozwe hari:

N°	Amazina	Uruhare rwe	Umukono
1		Nyir'umutungo	
2		Uwo basangiye umutungo	
3		Uwari ufite umutungo igihe cy'ifatira	
4		Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari/Umuhagarariye	
5		Ushinzwe umutekano ku rwego rwa	

Bikorewe i, ku wa

Amazina y'umuhesha w'inkiko w'umwuga/utari uw'umwuga

Umukono na kashe

1. FORM RELATING TO SEIZURE OF THE PROPERTY

Year of, month of, day of

I,, professional bailiff/non-professional bailiff

Pursuant to Enforcement Order n° of

Pursuant to Law n° 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, especially in Articles 215, 217, 219, 225 and 245;

I seize the following immovable property/movable property of

N°	Type of the property	Location of the property	Features of the property	Possessor of the property at the time of seizure	Custodian (names, ID/Passport and telephone n°)
1					
2					

Seizure is done in the presence of:

N°	Names	His/her role	Signature
1		Owner	
2		Co-owner	
3		Possessor of the property at the time of seizure	
4		Cell Executive Secretary/his or her representative	
5		Law enforcement officer at	

Done at On,

Names of the professional bailiff/non-professional bailiff

Signature and stamp

1. FORMULAIRE RELATIF À LA SAISIE DES BIENS

L'an, mois de, jour de

Je soussigné,, huissier de justice professionnel/non professionnel

Vu le titre exécutoire n° du

Vu la Loi n° 22/2018 du 29/04/2018 portant Code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, spécialement en ses articles 215, 217, 219, 225 et 245;

Je saisis les biens immeubles / meubles suivants de

N°	Type de bien	Son emplacement	Ses caractéristiques	Le possesseur du bien au moment de la saisie	Gardien (noms et numéro de C.I/Passeport et téléphone)
1					
2					

La saisie est faite en présence de:

N°	Nom et prénom	Son rôle	Signature
1		Propriétaire	
2		Co-Propriétaire	
3		Possesseur du bien au moment de la saisie	
4		Secrétaire Exécutif de Cellule / son représentant	
5		Officier des forces de l'ordre	

Fait à, le

Noms de l'huissier de justice professionnel / non professionnel

Signature et cachet

2. INYANDIKO Y'UGOMBA KWISHYURA IGARAGAZA UMUTUNGO UGOMBA GUFATIRWA

Umwaka wa, ukwezi kwa, umunsi wa

Jyewe, (uwishyuzwa);

Mbyibwirije cyangwa mbisabwe na, umuhesha w'inkiko w'umwuga/utari uw'umwuga;

Mu rwego rw'ishyirwa mu bikorwa ry'inyandikompesha n°

Ngaragaje muri iyi nyandiko umutungo wanjye, aho uri hose, uko uteye n'uko ungana, kandi nsabye ko uko ukurikirana ari na ko uzakurikirana mu gutezwa cyamunara:

N°	Ubwoko bw'umutungo ugomba gufatirwa	Aho umutungo ugomba gufatirwa uherereye	Ibiranga umutungo ugomba gufatirwa
1			
2			

Bikorewe i, ku wa

Amazina n'umukono by'uwishyuzwa:

Umenyeshejwe:

Amazina y'umuhesha w'inkiko w'umwuga/utari uw'umwuga:

Umukono na kashe

2. FORM OF THE DEBTOR INDICATING THE PROPERTY TO BE SEIZED

Year of, month of, day of

I, (the Debtor);

Upon my initiative or upon request by, professional bailiff/non-professional bailiff;

In order to execute Enforcement Order n°

I declare my property in this document, wherever it is, its features and quantity and I request, at the moment of the auction to execute it following the list as established:

N°	Type of the property to be seized	Location of the property to be seized	Features of the property to be seized
1			
2			

Done at, on,

Names and signature of the Debtor:

The person informed:

Names of the professional bailiff/non-professional bailiff:

Signature and stamp

2. FORMULAIRE DU DÉBITEUR INDIQUANT LES BIENS DEVANT ÊTRE SAISIS

L'an.. .., mois de .., jour de;

Je soussigné, (débiteur);

À mon initiative ou à la demande de, huissier de justice professionnel/non professionnel;

Afin d'exécuter le titre exécutoire n°

Je déclare mes biens dans ce document, où qu'ils se trouvent, leurs caractéristiques et leur quantité et je demande, au moment de la vente aux enchères, l'exécution en suivant la liste établie:

N°	Type de bien devant être saisi	Son emplacement	Ses caractéristiques
1			
2			

Fait à, le,

Nom et signature du débiteur:

La personne informée:

Noms de l'huissier de justice professionnel / non professionnel:

Signature et cachet :

3. INYANDIKO YEREKERANYE NO KUVANAHO IFATIRA

Umwaka wa, ukwezi kwa, umunsi wa

Njyewe,, umuhesha w'inkiko w'umwuga/utari uw'umwuga;

Nshingiye ku Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 222, iya 223 n'iya 245;

Nsubiye ku ifatira nakoze ku wa ry'umutungo wa ugizwe na

Maze kubona ko: (*guhita impamvu*)

- 1° ugomba kwishyurwa yahaze umwenda;
- 2° ugomba kwishyura yishyuye ku bushake;
- 3° umutungo wafatiriwe watejwe cyamunara kugira ngo uberewemo umwenda yishyurwe;
- 4° bitegetswe n'urukiko;
- 5° nyir'umutungo wafatiriwe atarebwa n'inyandikompesha ishyingirwa mu bikorwa;

Nkuyeho ifatira ryavuzwe haruguru.

Bikorewe i, ku wa

Amazina y'umuhesha w'inkiko w'umwuga/utari uw'umwuga:

Umukono na kashe

BIMENYESHEJWE: (Abarebwa n'ifatira bose)

1.
2.

3. FORM RELATING TO CANCELLATION OF SEIZURE

Year of, month of, date of

I,, professional bailiff/non-professional bailiff;

Pursuant to Law n° 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, especially in Articles 222, 223 and 245;

Having reviewed the seizure I placed on,of the property of composed of

Considering that: *(to choose the ground)*

- 1° the creditor renounced his or her credit;
- 2° the debtor voluntarily paid;
- 3° the seized property was auctioned for payment of the creditor;
- 4° the Court ordered it;
- 5° the owner of the seized property is not concerned with the enforcement order to be executed;

I cancel the above mentioned seizure.

Done at, on,

Names of the professional bailiff/non-professional bailiff:

Signature and stamp

PERSONS INFORMED: (All persons concerned by the seizure)

- 1.
- 2.

3. FORMULAIRE RELATIF À L'ANNULATION DE LA SAISIE

L'an, mois de, jour de ; Je soussigné,, huissier de justice professionnel / non professionnel;

Vu la loi n ° 22/2018 du 29/04/2018 portant Code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, spécialement en ses articles 222, 223 et 245;

Revu la saisie que j'ai faite le du bien de composé de

Vu que: (*choisir la raison*)

- 1° le créancier a renoncé à sa créance;
- 2° le débiteur a payé volontairement;
- 3° le bien saisi est vendu aux enchères en vue de payer le créancier;
- 4° une juridiction en fait une ordonnance;
- 5° le propriétaire du bien saisi n'est pas concerné par le titre exécutoire;

J'annule la saisie susmentionnée.

Fait à, le

Noms de l'huissier professionnel / huissier non professionnel:

Signature et cachet

PERSONNES INFORMÉES: (Toutes les personnes concernées par la saisie)

- 1.
- 2.

4. INYANDIKO YEREKERANYE N'IFATIRA RY'UMUTUNGO W'UGOMBA KWISHYURA URI MU MABOKO Y'UNDI MUNTU

Umwaka wa, ukwezi kwa, umunsi wa

Mbisabwe na

Njyewe,, umuhesha w'inkiko w'umwuga/utari uw'umwuga;

